**REPUBULIKA Y' U RWANDA** **RP/MIN 00013/2021/TGI/RSZ**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**

**ICYEMEZO N° 00028/2021/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na rimwe, umunsi wa 20 w'ukwezi k'Ukwakira;

Twebwe **MUSABYIMANA Valens,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na NYIRAMBONIGABA Marie Thérèse, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru rukiko uwitwa **SHUMBUSHA xxx,** mwene Munyeshuri Benjamin na Uwayisaba Esther, wavutse ku itariki ya 01/01/2003, mu Mudugudu Rutaragwe, Akagali ka Rugari, Umurenge wa Macuba, Akarere ka Nyamasheke, Intara y'i Burengerazuba, ho muri Repubulika y'u Rwanda; akaba ari naho atuye; ni umunyarwanda, ni ingaragu, ni umuhinzi; ntacyo atunze, ntarahanwa bizwi n'Inkiko z'u Rwanda, kandi ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse ubutabera;

Tumaze kubona ko ikirego cy'ubushinjacyaha cyageze mu Rukiko kigahabwa n° **RP/MIN 00013/2021/TGI/RSZ**, bukurikiranyeho **SHUMBUSHA xxx,** icyaha cy'ubujura buciye icyuho kandi bukozwe n'abantu benshi, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo y'i 165 -167 z'itegeko N° 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, nkuko ryahinduwe kugeza ubu;

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 n'iya 162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha, ziteganya uko uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera ahamagazwa;

Dutegetse ko **SHUMBUSHA xxx** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **22/02/2022** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi nk'urukiko rwategetse iki cyemezo.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**MUSABYIMANA Valens**
**UMUCAMANZA**

**NYIRAMBONIGABA M.Thérèse**
**UMWANDITSI**